# ABESAMIHIGO BA KAMONYI NEWSLETTER

**NYAKANGA 2024**

## ABANYAKAMONYI BITABIRIYE AMATORA YA PEREZIDA WA REPUBULIKA N'AY'ABADEPITE

Tariki 15 Nyakanga 2024 Kuri site 64 hirya no hino mu Tugari tugize Akarere ka Kamonyi, abaturage uyu munsi bitabiriye kimwe n'abandi banyarwanda b'imbere mu gihugu,amatora ya Perezida wa Repubulika n'amatora y'abadepite.



Igikorwa cyatangiye kuri site zose saa moya zuzuye gisoza saa 15h00 z'amanywa nkuko amategeko ya komisiyo y'amatora abiteganya. Igikorwa cyagizwemo uruhare n'abakorerabushake ba komisiyo y'Igihugu y'Amatora hari kandi indorerezi mu byiciro bitandukanye zaje gukurikirana imigendekere y'amatora.



Abagize komite nyobozi y'Akarere, abayobozi b'Imirenge n'Utugari n'inzego z'umutekano bakurikiranye imigendekere y'igikorwa kandi hose yakozwe mu mu mutuzo, abaturage bazindutse kandi bitabiriye nkuko bari babikanguriwe.



Bukeye bwaho tariki ya 16 Nyakanga 2024, ku biro by'Akarere niho hari site y'Itora ku bantu bafite ubumuga aho bagombaga kwitorera uzabahagararira mu Nteko Ishinga amategeko y'u Rwanda. Uyu munsi kandi niho hakozwe itora ry'abahagarariye abagore mu Nteko (30%) intara y'Amajyepfo ikaba yaragombaga guhitamo abagore 6 mu bakandida 60 bose biyamamaje.



## ABAKANDIDA DEPITE B'ABAGORE BIYAMAMAJE IMBERE Y'INTEKO ITORA






Tariki 11.07.2024: i Gihinga mu Murenge wa Gacurabwenge mu Karere ka Kamonyi habereye igikorwa cyo kwiyamamaza ku bakandida depite 60 b'abagore bo ku rwego rw'Intara y'Amajyepfo bahatanira kuba muri 30% by'imyanya yihariye yagenewe abagore mu Nteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda umutwe w'Abadepite.

Mu gutangiza igikorwa, Umuyobozi w'Akarere ka Kamonyi Dr. Nahayo Sylvere yashimiye abagize inteko itora bagera ku 3,000 bitabiriye bishimishije. Yabasabye gukurikirana neza imigambo n'imigambi ya buri mukandida depite kugira ngo bazabashe guhitamo neza tariki 16/07/2024.

Igikorwa cyitabiriwe na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere bwana Nyoni Emilien Lambert, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Abagore Mme KAMANZI Jackline, Uhagarariye MIGEPROF, umuhuzabikorwa wa komisiyo y'amatora mu Ntara y'Amajyepfo,.

Hari kandi Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe ubukungu, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza, umuyobozi wa Polisi mu Karere n'abandi bagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere, abagize inteko itora kuva ku mudugudu baturutse hirya no hino mu Mirenge.





## HASHIMWE UKO UMUTEKANO WARI WIFASHE MU MEZI ABIRI ASHIZE







Mu nama y'umutekano yaguye yateranye ku wa gatatu tariki 31 Nyakanga 2024 ku biro by'Akarere iyobowe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere, abayobozi bitabiriye iyi nama bishimiye ko umutekano wari wifashe neza kandi ko n'ibyaha byakundaga kwigaragaza byaragabanutse.

Umuyobozi w'Inama yasabye ko nzego zose zakomeza gufatanya kugira ngo umutekano bakomeze kuwubumbatira hamwe n'ubufatanye buhoraho n'abaturage, hifashishijwe ikorwa ry'irondo kandi rikagenzurwa neza.

Muri iyi nama abitabiriye bunguranye ibitekerezo ku ishusho y'umutekano mu mezi 2 ashize (Kamena-Nyakanga 2024) n'ingamba zo gukomeza kuwubumbatira, banarebeye hamwe imigendekere y'amatora ya Perezida wa Repubulika n'amatora y'Abadepite.
Hagarutswe kandi ku ikemurwa ry'ibibazo bikibangamiye imibereho y'abaturage, haganiriwe no ku bwisungane mu kwivuza bw'uyu mwaka 2024/2025. Inama yitabiriwe n'abagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge n'abakuriye inzego z'umutekano mu Mirenge: (Polisi, DASSO, inkeragutabara).



## IMIRYANGO ITISHOBOYE 99 YAHAWE INKUGA YO KWITEZA IMBERE







Tariki 23 Nyakanga 2024 Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Mme Uwiringira Marie Josee yitabiriye mu Murenge wa Musambira mu Kagari ka Kivumu ku bufatanye bw'Akarere ka Kamonyi n'umufatanyabikorwa BUREAU SOCIAL DE DEVELOPPEMENT ku nkunga ya MARGRIT FUCHS FOUNDATION hatangijwe ibikorwa byo gufasha imiryango 99 itishoboye mu rwego rwo kwiteza imbere aho iyi miryango izajya ihabwa inkunga zitandukanye.

Harimo kugaburira abana ku bigo by'amashuri, koroza iyi miryango aho imwe izahabwa inka, ingurube, inkoko na Dendo, guhinga kijyambere bahabwa n'imbuto, umuryango kandi uzitwara neza uzahabwa inguzanyo ya 100,000Frws. Izi nkunga zizajya zitangwa zishingiye ku mwana, muri aka Kagari hakaba haratoranyijwe abana 100 baturuka mu miryango itishoboye. Mu rwego rwo gukumira imirire mibi hatangijwe igikoni cy'Akagali (Cantine communautaire Kivumu).



## URUGENDOSHURI RW'INTUMWA ZATURUTSE MURI ETHIOPIA



Tariki 25 Nyakanga 2024 mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Kamonyi Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'ubukungu bwana NIYONGIRA Uzziel yakiriye itsinda ry'abashyitsi ryari rituritse mu gihugu cya Ethiopia ryari riyobowe na bwana JONSE GEDEFA "Fiscal Policy Development Head" muri Minisiteri y'Imari ya EthiOpia.

Aba bashyitsi bari baje kwigira Ku gihugu cyacu cy'u Rwanda uburyo ingengo y'imari Leta igenera gahunda ya ECD n'uruhare rwa JADF mu guteza imbere muri iyi gahunda.



Nyuma yo kubasobanurira uko bikorwa basuye Community Based EDC iri mu murenge wa Musambira mu Kagari ka Buhoro ifashwa na AVSI (The Association of Volunteers in International Service) umufatanyabikorwa w'Akarere.





## NISR YAKOZE ISUZUMA RY'IMIHIGO Y'AKARERE 2023/2024





Kuva tariki ariki 25 Nyakanga 2024 kugeza tariki 29 Nyakanga 2024, abakozi b'Ikigo cy'igihugu cy'Ibarurishamibare yu munsi Perezida w'Inama Njyanama bwana Nyoni Lambert yakiriye abagenzuzi baturutse mu Kigo cy'Igihugu cy'ibarurishamibare bayobowe na Mme UWIZEYE Beatrice umukozi muri iki Kigo, baje mu gikorwa kizamara iminsi 3 cyo gusuzuma ishyirwamubikorwa ry'imihigo y'Akarere y'umwaka ushize wa 2023/2024.



Iri tsinda mu gitondo cyo ku munsi wa mbere w'igikorwa, ryaganiriye n'ibyiciro byihariye (Abagize Inama Njyanama ndetse na ba perezida b'amakomisiyo agize JADF). Nyuma bagiye no mu Mirenge itandukanye gusura imwe mu mishinga iri mu mihigo y'Akarere ariki hakazarebwa n'ibindi bikorwa bike byo mu myaka yashize harebwa "sustainability" yabyo.





# RUNDA: NIHO HABEREYE KU RWEGO RW'AKARERE UMUGANDA RUSANGE USOZA UKWEZI KWA NYAKANGA











Kuwa 26 Nyakanga 2024 kimwe n'ahandi hose mu Karere, mu Mudugudu wa Rugazi Akagari ka Ruyenzi Umurenge wa Runda niho habereye ku rwego rw'Akarere umuganda rusange usoza ukwezi kwa Nyakanga 2024. Abayobozi n'abatuye muri uyu Mudugudu bafatanyije gukora imihanda mu rwego rwo kunoza imigenderanire hagati yabo.

Mu kiganiro yatanze, Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere yagejeje ku baturage b'Umudugudu wa Rugazi Umurenge wa Runda ibyagezweho mu mihigo y'Akarere y'umwaka ushize wa 2023/24 birimo imirimo yo kubaka umuhanda wa kaburimbo Gihara-Nkoto ikomeje, gukwirakwiza amazi meza, amashanyarazi no guteza imbere ubuhinzi yasabye abaturage gukomeza kubungabunga ibyagezweho bakirinda kubyangiza kugira ngo bikomeze kubagirira akamaro.

Uyu muganda witabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Mme Uwiringira Marie Josee mu butumwa bwe akaba yaribukije gahunda nzamurabushobozi ku banyeshuri barangije umwaka wa 1,2 & 3 ariko bakaba batarabashije kwimuka. Asaba ababyeyi kwibuka kohereza abo bana ku ishuri muri gahunda yateguwe na Minisiteri y'Uburezi izamara igihe cy'ukwezi abo bana bagafashwa bityo bakabasha kwimukira mu cyiciro gikurikiyeho.

Umuyobozi wa Polisi mu Karere Supt. Karemera Francis we yibukije ko umutekano ari inking ya mwamba kugira ngo igihugu gishobore gutera imbere. Yashimiye abaturage ubufatanye bakomeje kugaragaza bunganira inzego z'umutekano, ibyo bikaba byaratumye ibyaha bigabanuka ku buryo bugaragara kandi intego nuko dukomeza gukumira ibyaha bitaraba.

## ABAJYANAMA B'UBUHINZI BITWAYE NEZA UMWAKA USHIZE BASHYIKIRIJWE IBIHEMBO



Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu bwana NIYONGIRA Uzziel ku biro by'Akarere yahembye abajyanama b'ubuhinzi bahize abandi mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2023-2024.

Abajyanama b'ubuhinzi bahembwe buri wese yahawe ipompo yo kwifashisha batera umuti mu bihingwa harwanywa indwara n'ibyonyi.




Umuyobozi yabashimiye uruhare rwabo mu iterambere ry'ubuhinzi ndetse anabibutsa umukoro bagifite wo gukomeza kuzamura umusaruro no gufasha abahinzi bagenzi babobo gusobanukirwa neza na tekiniki zigezweho z'ubuhinzi ariko bategura igihembwe cy'ihinga cya 2025 A.



## GIHINGA: HATASHYWE UBUSITANI BWITIRIWE ABANYAKURI





Ku mugoroba wo kuwa gatandatu tariki 27 Nyakanga 2024, ku bufatanye n'Umuryango SEVOTA uyobowe n'umuyobozi wawo Mme Mukasarasi Godelive, i Gihinga mu Murenge wa Gacurabwenge habereye umuhango wo gutaha ku mugaragaro ubusitani bwitiriwe " abanyakuri" Jardin des Justes iyi ikaba ari gahunda mpuzamahanga yo kwimakaza ibikorwa by'ubugiraneza no kwitangira abandi hagamijwe kuba intangarugero mu buzima bwa buri munsi no kubaka umuryango ushoboye kandi utekanye. Ubu busitani buzajya bwifashishwa mu kwimakaza imibanire myiza mu muryango no guharanira kuba kuba umusingi w'imibereho myiza n'iterambere rirambye.

Iki gikorwa cyitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Kamonyi Dr NAHAYO Sylvere ari kumwe n'umujyanama w'Umunyamabanga mukuru w'Umuryango w'Abibumbye ( UN) ushinzwe gukumira Jenoside Mme Alice Wairimu Nderitu.



# HAKOZWE INAMA KU MYITEGURO Y'ISUZUMA RY'IMIHIGO Y'AKARERE Y'UMWAKA 2023/2024





Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Ubukungu bwana Niyongira Uzziel ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe imibereho myiza Mme Uwiringira Marie Josee tariki 18 Nyakanga 2024, yayoboye ku cyicaro cy'Akarere inama yatumiwemo abakozi bakorera ku cyicaro cy'Akarere.

Muri iyi nama yabaye mu gitondo kuva saa 09h00-10h00, abitabiriye bunguranye ibitekerezo ku myiteguro y'isuzuma ry'imihigo y'Akarere y'umwaka urangiye wa 2023/2024, abakozi na komite nyobozi bakaba bafatanyije gutegura ibizakenerwa mu gusura ibikorwa mu Mirenge.

-Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Agateganyo w'Akarere bwana Bushayija Fred nawe muri iyi nama yibukije ibikorwa byo mu myaka yarangiye bizasurwa n'abagenzuzi mu rwego rwo kureba uburambe "sustainability" n'uburyo iyi mishanga ifashwe.



## HAKOZWE INAMA KU KWITA NO GUKURIKIRANA ABAFITE UBURWAYI BWO MU MUTWE

Ku biro by'Akarere kuwa 29 Nyakanga 2024 habereye inamayo gutangiza igikorwa cyo gukurikirana no kwita ku bafite uburwayi bwo mu mutwe mu Mudugudu, iyi gahunda ikaba igerwaho ku bufatanye n'Umuryango AVSI (The Association of Volunteers in International Service). Iyi nama yayobowe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Mme UWIRINGIRA Marie Josee.

Abitabiriye inama ni abayobozi b'Ibigo Nderabuzima n'abashinzwe ubuzima bwo mu mutwe mu bigo nderabuzima bya Kamonyi, Karangara, Kabuga na Musambira, ushnzwe ubuzima bwo mu mutwe ku Bitaro bya Remera Rukoma, n'abakozi b'umushinga AVSI n'umukozi w'Akarere ushinzwe guteza imbere ubuzima no ku gukumira indwara.

Barebeye hamwe uko ibikorwa byo kwita ku bafite uburwayi bwo mu mutwe byateguwe bizashyirwa mu bikorwa no gushyiraho ingengabihe y'isuzuma ry'uburwayi bwo mu mutwe mu bigo nderabuzima bizakorerwamo ibikorwa.









## AKARERE KAMURIKIWE IBIZAKORWA MU MUSHINGA WO KWITA KU BIDUKIKIJE

Tariki ya 29.Nyakanga 2024 itsinda riyibowe n'umuhuzabikorwa w'imishinga mu Kigo REMA cyita ku kurengera ibidukikije bwana Alex Mugabo ari kumwe n'abakozi ba REMA na "Consultants" b'umushinga"Bulding Community Resilience and transforming Livelihoods through Systems-based Adaptation and Integrated Resource Management in Rwanda's Southern Province" bamurikiye ubuyobozi bw'Akarere uyu mushinga ugamije guhindura imibereho binyuze ku kurwanya imihindagurikire y'ikirere no kubugungabunga ibidukikije mu Ntara y'Amajyepfo y'u Rwanda.





Itsinda ryagiranye ibiganiro n'Ubuyobozi bw'Akarere ku ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga ndetse basuye Imirenge y'amayaga aho umushinga uzakorera no kugirana ibiganiro n'abaturage b'aho umushinga uzakorera muri zone y'Amayaga. Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage Mme UWIRINGIRA Marie Josee niwe wakiriye aba bashyitsi ari kumwe n'itsinda ry'abakozi b'Akarere, akaba yarashimiye imbanzirizamushinga w'ibi bikorwa, asaba ko bakomeza muri uyu murongo wo gufasha Akarere gusubirana urusobe rw'ibinyabuzima bityo hakabaho kwita koko ku kongera amashyamba n'ibindi bimera mu Karere.







## ABAKORERABUSHAKE BAHAWE AMAHUGURWA KU KUBARURA ABO BRD YAHAYE IMIRASIRE

Tariki 29 Nyakanga 2024 Umuyobozi w'Akarere ka Kamonyi Dr. Nahayo Sylvere yitabiriye amahugurwa yabereye ku Karere i Gihinga yatumiwemo abakorerabushake (Youth Volunteers) bahagarariye abandi mu Mirenge baje mu mahugurwa azabafasha kubarura neza abaturage bahawe imirasire ku nkunga ya BRD.



Ibiganiro byatanzwe na bwana DUSHIMIYIMANA Noel wari uhagarariye Banki y'Igihugu itsura Iterambere (BRD) asaba abitabiriye kumva ko iki gikorwa ari ingirakamaro cyane kuko kigamije imibereho myiza n'iterambere ry'abaturage, iki gikorwa kigamije kumenya niba abahawe aya mashanyarazi akomoka ku mirasiye y'izuba agikora cg bagitunze iyi mirasire.





## HAKOZWE INAMA YA KOMISIYO Y'IMIBEREHO MYIZA MURI JADF Y'AKARERE

Tariki 30 Nyakanga 2024 ku biro by'Akarere habereye inama ya komisiyo y'Imibereho myiza mu Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu iterambere ry'Akarere.

Ni inama yayobowe na Soeur MUKARUBAYIZA Donathile Umuyobozi wa komisiyo y'imibereho myiza muri JADF KAMONYI yayoboye inama ya komisiyo hakaba hararebwe imihigo y'Akarere ka Kamonyi yo mu nkingi y'imibereho myiza y'uyu mwaka wa 2024-2025, haganiriwe no kuri gahunda y'inkera y'imihigo y'ibipimo by'ubuzima mu Karere.

Muri iyi nama Umuyobozo w'Akarere Wungirije ushinzwe ushinzwe iterambere ry'imibereho myiza Mme UWIRINGIRA Marie Josee witabiriye iyi nama yashimye uruhare rw'abafaranyabikorwa abizeza imikoranire myiza izakomeza kuranga Abesamihigo ba Kamonyi.







## INZEGO ZOSE ZASABWE UBUFATANYE MU GUKUMIRA IBYOREZO




Tariki 30 Nyakanga 2024 mu rwego rwo gukurikirana amakuru ku bintu bidasanzwe n'ibyorere mu Karere, ku Karere habereye inama ngishwanama ya komite y'Akarere ishinzwe gukumira ibyorere (Community Advisory Group), iyi nama ikaba yakozwe ku bufatanye n'umushinga USAID Tubeho.



Abagize iri tsinda ni Umuyobozi w'Ishami ry'ubuzima mu Karere, Umuyobozi w'Ishami ry'uburezi, ushinzwe ubworozi, Umuyobozi w'ibitaro bya Remera Rukoma, Umukozi ushinzwe ibikorwa by'abajyanama b'ubuzima, umukozi ushinzwe ibyorezo ku Bitaro bya Remera Rukoma , Uhagarariye Abajyanama b'Ubuzima mu Karere, Uhagarariye abikorera n'uhagarariye Polisi y'u Rwanda.



Mu nama hagarutswe ku bimaze gukorwa kuva iyi komite ngishwanama yajyaho, ibiteganyijwe mu gihe kiri imbere ndetse abitabiriye bunguranye ibitekerezo biganisha ku gukomeza gukumira ibyorezo. Ubuyobozi bw'Akarere bwari buhagarariwe na bwana Ntabana Gaston Umuyobozi w'Ishami ry'Ubuzima mu Karere.



# AMAKOMISIYO AGIZE INAMA NJYANAMA Y'AKARERE YARATERANYE MURI NYAKANGA







Ku gicamunsi cy'uyu munsi tariki 31 Nyakanga 2024 abagize komisiyo y'Imibereho Myiza mu Nama Njyanama y'Akarere bateranye bungurana ibitekerezo ku mihigo y'Akarere yo mu nkingi y'imibereho myiza izakorwa muri uyu mwaka w'ingengo y'imari 2024/25. Inama yayobowe na Mbabajende Saidi Moukhtaar umuyobozi wa komisiyo.

Inama yitabiriwe n'Umuyobozi w'Ishami ry'Igenamigambi mu Karere bwana Rubaduka Samson ushinzwe gukurikirana imihigo y'Akarere ari kumwe n'abandi bakozi b'Akarere.

Tariki 30 Nyakanga 2024 Umunyamabanga wa komisiyo y'imiyoborere myiza mu Nama Njyanama y'Akarere Mme MUKANYANDWI Rose yayoboye inama ya komisiyo ibera ku Karere.

Umuyobozi w'Ishami ry'imiyoborere myiza mu Karere bwana Muvunyi Etienne yagejeje ku bajyanama raporo ku migendekere y'amatora ya Perezida wa Repubulika y'amatora y'Abadepite yakozwe tariki 15-16 Nyakanga 2024.Hasuzumwe imihigo iri mu nkingi y'imiyoborere myiza y'uyu mwaka wa 2024/2025




**Bikozwe na:**

**Faustin NTAKIRUTIMANA**
**'PR, Media & Communications"**